KINYARWANDA/KINYAMULENGE

###

Intara ya Iowa iracyafite ibibazo byihutirwa by’ubuzima rusange. Bivana no kwiyongera k'umubare w'indwara ya coronavirus n'abantu bari mu bitaro, ku wa kane, tariki ya 16 Mata 2020, Guverineri wa Iowa Kim Reynolds yongeyeho ingamba nshya zo kurengera abaturage, abakozi n’abaturage mu karere k’intara ya 6. Intara ya 6 ikubiyemo intara zikurikira: Allamakee, Benton, Black Hawk, Bremer, Buchanan, Clayton, Delaware, Dubuque, Fayette, Grundy, Howard, Jones, Linn, na Winneshiek.

Itangazo rya Guverineri (cyangwa itegeko) ritangira gukurikizwa saa 11:59 z'umugoroba kw’itariki 16 Mata 2020, rikazakomeza kugeza 11:59. Kw’itariki 30 Mata 2020.

Kwirinda Murugo

Mu ntara zo mu Karere ka 6, Guverineri Reynolds yabujije guterana kw’abantu benshi. Ibiterane byose bihuza abantu benshi, umuganda, imyidagaduro, na siporo birabujijwe usibye abantu babana murugo rumwe. Uretse gusa ubukwe, gushyingura, hamwe nandi materaniro yo mu mwuka cyangwa y’amadini agarukira ku bantu 10 cyangwa munsi yayo nibyo byemewe gusa. Abantu bagomba kuguma kuri metero esheshatu kubantu bo hanze yurugo igihe cyose bishoboka. Iri tegeko rireba abantu bari mukarere ka 6 niba batuye muri utwo turere cangwa badatuyemo.

Abakoresha bose bahererereye muntara ya 6 bagomba gukora ibishoboka byose kugirango abakozi bakore utuzi twabo bari mumago yabo. Niba ibyo bidashoboka, abakoresha bagomba gukoresha ingamba zifatika zo kurengera ubuzima bwabakozi nabaturage niba akazi kagomba gukorerwa mukibanza c’akazi. Mu kwirinda harimo gusuzuma abakozi, kutegerana kw’abakazi, hamwe no gukomeza gukora isuku.

Itegeko rya Guverineri ryo ku wa 16 Mata ntabwo risobanura ko kampani z’ubucuruzi zigomba gufunga keretse niba hari irindi tegeko ryatanzwe n’ishami ry’ubuzima rusange rya Iowa.

Umukozi no Kwirinda rusange

Inzego zitandukanye za Leta zizakurikirana kandi zishyire mu bikorwa icyemezo cya Guverineri cyo kurengera ubuzima n’umutekano by’abaturage. Abashinzwe amahoro n’umutekano bazafasha mu kubahiriza icyemezo cya Guverineri.

###